# Ijambo rya Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame

## Mu ihuriro rya 8 ry'Abanyamuryango ba Unity Club

## Kimihurura, 6 Ugushyingo 2015

**Ba Nyakubahwa, Bayobozi bo mu nzego Nkuru z'Igihugu cyacu,**

**Bavandimwe, Banyamuryango ba Unity Club *INTWARARUMURI*,**

**Batumirwa bacu bahire,**

**Mbanje kubaramutsa, mbifuriza amahoro y'Imana.**

Iri huriro ngarukamwaka, rya Unity Club INTWARARUMURI, nk'abanyamuryango, tuba turitezeho byinshi byubaka u Rwanda. Twizere ko namwe turi kumwe uyu munsi ari uko mubyumva.

Imwe mu ntego nyamukuru y'iri huriro, ni ukwiha umwanya wo kwibaza icyo dukora ngo twomore inkovu z'amateka yacu, kugirango tuzasigire abana bacu, u Rwanda ruzira ikizinga.

Amahuriro yabanjirije iri, ndetse n'ibyemezo-ngiro byagiye bifatirwamo, agaragaza icyo cyerekezo, ari nako turushaho kuganisha u Rwanda n'Abanyarwanda aheza.

Mu myaka yashize, twiyemeje gufatanya n'abandi kubaka gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*. Impamvu ituma tugaruka kuri iyi gahunda, ni uko twese twemera ko twarazwe ibibazo n'ubuyobozi bubi. Ibyo byatugizeho ingaruka ndetse zigera no ku badukomokaho.

Indorerwamo zitureba, n'amaso atwitegereza afite icyo atuvugaho.

Dufashe urugero rw'umwanditsi Jean Hatzfeld uherutse kwandika igitabo yise "un papa de sang" wenda bamwe muri mwe mwaragisomye. Yaganiriye n'urubyiruko maze agaragaza ishusho yarwo mu buryo bubiri:

- Crimes des Peres- (Ibyaha by'Ababyeyi) : abagitewe ipfunwe n'ibyaha ababyeyi, abavandimwe cyangwa imiryango yabo yakoze. Yagize ati

*”Parfois, des non-dits font plus mal que des aveux* »[1] ngo rimwe na rimwe kutamenya ibyabaye, biravuna kurusha ibyamenyekanye.

- Humanite fragile (umuryango uhungabanye) urubyiruko rubana n’umubabaro rudateze kwibagirwa.

Ntabwo nifuza kugira uwo nasubiza inyuma, ariko ishusho uwo mwanditsi yabonye ku rubyiruko rwacu, irashoboka dushingiye ku byiciro binyuranye twahawe n’amateka mabi. Hari urubyiruko rukomoka ku babyeyi bakoze genocide, hari urubyiruko rwacitse ku icumu, n’urukomoka ku bacitse ku icumu, hari urubyiruko rwavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu, n’urubyiruko rw’abakuriye hanze y’igihugu.

Nyuma y’imyaka 21 Igihugu cyacu kivutse ubwa 2, hakozwe byinshi bigamije kubanisha abanyarwanda, mu bworoherane n’ubwiyunge kandi impinduka nziza zigenda zigaragara. Ariko kandi turacyafite urugendo rurerure mu kubaka ubumwe bw’abanyarwanda. Dukwiye kwibaza impamba twaha urwo rubyiruko kugirango ibyakozwe bigere ku bunyarwanda burambye. Ese turabaha iki? tutababeshye, tutabatera ubwoba ariko tubategura neza.

Nk’uko twabihaweho impanuro n’Umukuru w’Igihugu mw’Ihuriro ryacu ry’ubushize aho yagize ati: *”U Rwanda ntirukwiriye kugenda, rugomba gukomeza kubaho. Ubwo nabyo ni ibidusaba ngo tube dutekereza, ngo ariko urubyiruko, abana bacu n’abana babo bazaza basanga iki? Bahera ku ki? Bakomereza kuki bubaka ubuzima bwabo, ari nabwo buzima bw’u Rwanda? Icyo kibazo mujye mucyibaza, buri muyobozi wese akibaze”.*

[1] Byakuwe: http://blog.culture31.com/2015/10/25/jean-hatzfeld-et-les-enfants-du-genocide/

Twizera ko mu gihe cy'imyaka ibiri tumaze mu rugendo rwa *Ndi Umunyarwanda*, buri wese afite icyo yungutse ku buzima bwe no mu mirimo ashinzwe, kandi ko twese twagize uruhare ku nzego zitandukanye mu kuyumva no kuyishyira mu bikorwa.

Uyu munsi, Ihuriro rya 8 ryiyemeje gukomeza gutanga umusanzu mu kubumbatira ubunyarwanda, ryubakira ku bupfura n'ubumuntu bigomba kuranga Umunyarwanda.

Turazirikana insanganyamatsiko igira iti: "***Umurinzi w'Igihango mu mujishi wa Ndi Umunyarwanda***". Ni amagambo ajimije ariko mu kinyarwanda, afite agaciro gakomeye: Umurinzi – Igihango – Umujishi. Turaza kubigarukaho mu biganiro tuza kubona ndetse no mu mirimo y'amatsinda, ariko mu ishusho ryihuse umurinzi ni uwiyeguriye kurinda icyiza. No mu bitekerezo byo hambere, umurinzi cyari igiti abanyarwanda bahaga agaciro.

Umujishi mu kinyarwanda ugomba kuba utanaze (ukomeye), urinda umunyantege nke guhungabana, ukamurinda ikibi cyose, usigasira icyiza kandi ukagikomeza, ndetse urinda igifite agaciro ngo kidahutazwa.

Kuba umujishi ni ukuba umutabazi, gukorana ibakwe n'ubwitange, kuba wiyemeje, ukamenya kugendana n'abandi kuko iyo munyuranyije uhungabanya uwo utwaye mu mujishi.

Nk' Intwararumuri rero, nitwe tugomba kuba "Abarinzi b'Igihango" ba mbere. Nkuko dushinzwe gukorera abaturage, tubateza imbere, tubafasha

guhindura imibereho yabo n'imyumvire, mureke tubabibemo imbuto y'uburinzi bw'igihango cy'u Rwanda.

Nitwimika Igihango dufitanye n'Urwatubyaye, abato bacu bazakura bazi ko kubana mu bwubahane no mu bwisanzure ari umurage ugomba gukomeza.

Uyu munsi kandi twiyemeje, kumurika no kwizihiza Abarinzi b'Igihango imbere y'Abanyarwanda nk'inzira idusubiza ishema, iduha guhora tuzirikana ko icyiza kirusha ingufu ikibi. Ni bumwe mu buryo bwo kwigisha ababyiruka kumenya ko u Rwanda ari umubyeyi udashobora kubabera gito.

Ubupfura bagize bwabateye ubutwari bubarinda umugayo. Babaye urugero turaze ababyiruka bakeneye gukura, barenga amateka agayitse yaranze imyaka ishize.

Bayobozi bavandimwe, Igihugu cyacu kiri mu isi igenda ihindagurika ari na ko bigira ingaruka ku mibereho n'imitekerereze y'abantu. Turakurikira yego kuko ntitwasigara, ariko twahisemo ingendo y'iwacu, itubereye. Mu rugendo dukora nk'Abanyarwanda, twubatse inzego, twubaka amahame atugenga ahuje n'iterambere dusangiye, nk'abatuye isi ariko umwihariko w'u Rwanda ukaba ndakemangwa.

Nshuti, Bavandimwe, Babyeyi kandi Ntwararumuri, dufite amahirwe yo kurerera mu Rwanda, rwaciye ukubiri n'ivangura n'umwiryane, tukaba dutekanye, tunganya uburenganzira kandi turi mu iterambere.

Umuhanzi[2] yararirimbye agira ati: " ujya kurata intwari, burya abanza iz'iwabo". Turazirikana kandi turizihiza amahirwe yo kuba mu bihe byose bikomeye, u Rwanda rwarabonye abarubera injishi, bagasigasira

[2] Immaculée Mukandoli, alias Inshongore mu ndirimbo ye yitwa ***Inyambo***.

indagagaciro zarwo, bakarurinda guhutazwa birenze, no gusandara, bakarubuza guhera kandi rwarabyaye intwari.

Tubarinde kuzabasubiza mu bihe nka biriya, dore ko batugaragarije ko mu bihe by'amahoro badufasha mu bikorwa by'iterambere.

Dukomeze tuzirikane ko dufite abo dushinzwe kuyobora, no kwereka inzira nziza, dushyire hamwe, dukomeze tubamurikire ubwiza n'ubupfura bitacitse i Rwanda, no mu minsi y'umwijima bikarinda Igihango!

Tugire ubufatanye hagati yacu ubwacu, dukomeze guharanira gukwirakwiza gahunda yacu nziza ya *Ndi Umunyarwanda* itagira uwo iheza. Tuzirikane ko twigeze kuba "bo, natwe" , bitakongera kuba muri uru Rwanda.

Mbere yo gusoza, nagirango nshimire Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge , duhora dufatanya muri iyi gahunda, dushimire kandi abaza kutuganiriza, baraza kudufasha kuva hano dutahanye imyanzuro inoze, izafasha buri Munyarwanda kwiyubaka mu bwisanzure, ituze n'icyizere kandi mu bufatanye n'abandi Banyarwanda. Maze Ndi Umunyarwanda itubere inzira ibereye u Rwanda n'abarwo, uyu munsi n'ejo hazaza.

Mboneyeho umwanya wo gutangiza ku mugaragaro icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge.

Mugire umunsi mwiza.

MURAKOZE.